ITANGWA RY' UBUPADIRI I NYANGE

Ku wa 03 Kanama 2013 nibwo muri Paruwasi ya Nyange habereye umuhango w'itangwa ry'ubupadiri : bwahawe abari Diyakoni SHYIRAKERA Jean Bosco na NZAYISENGA Theoneste .

Uwo muhango watangijwe n'igitambo cya Misa cyari kiyobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE S. J Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo. Hari abasaserdoti batandukanye ba Diyosezi, n'imbaga y'abakristu ba paruwasi ya Nyange, inshuti zabo ndetse n'abahagarariye ubuyobozi bwite bwa Leta.

Padiri NZAYISENGA Theoneste na SHYIRAKERA Jean Bosco

Mu ijambo rya Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, yihanganishije abakristu ba paruwasi ya Nyange kuba bamaze igihe nta nyubako ya Kiliziya ya Paruwasi bagira kuko iyari ihari yasenywe mu gihe cya Jenoside. Ariko nanone yabashimiye ko ariyo paruwasi kugeza ubu yibarutse umubare munini w'abasaserdoti.

Yagarutse ku butumwa abapadiri bashya bahawe ababwira ko bagomba kurangwa n'umutima w'urukundo no kwicisha bugufi. Y ashimangiye cyane ko bagomba kwita ku rubyiruko muri rusange ndetse no ku matsinda y'abana bato yashinzwe hose mu maparuwasi agize Diyosezi.

Yashimiye by'umwihariko ababyeyi b'izo ntore kuba baremeye ko abana ababo biyegurira Nyagasani.

Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE

Nyuma yo gutanga ikaze no kwerekana abashyitsi, Padiri mukuru wa Paruwasi ya Nyange, TUYISHIME Jean Baptiste, yavuze ko ari ibyishimo bikomeye kuri paruwasi yabo kubonera rimwe abapadiri babiri bayikomokamo. Ibyo byatumyeiyo Paruwasi ikomeza kwesa agahigo ko kuba Paruwasi ya Diyosezi ya NYUNDO irusha izindi kugira abapadiri banshi bayivukamo. Akaba yarashimiye cyane Umwepiskopi kuba yaremeye kubarerera no kuba yemeye kuza kubafasha muri uwo muhango.

Avuga mu izina rya bagenzi be Padiri Theoneste NZAYISENGA yashimiye cyane ababyeyi abavandimwe ndetse n'abakristu muri rusange batahwemye kubaba hafi kuva batangira iyo nzira kugeza uwo munsi. Yabasabye ko batacika intege kuko inzira ikiri ndende bityo bakazakomeza gusengerana no gufashanya muri byose. Yashimiye kandi by'umwihariko Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo utarahwemye kubabera umubyeyi mu nzira banyuzemo bagana kuri uwo munsi. Asoza ijambo rye yiragije Bikira Mariya , umubyeyi w'abakene anamuragiza mugenzi we ndetse n'abari aho bose.

Byakusanijwe na HABAMENSHI C. Christian